



Imineke ya
nyogokuru
Patrick
Munyurangabo
Catherine Groenewald

Kinyarwanda



Umurima wa nyogokuru wari utangaje. Warimo amasaka, uburo, n'imyumbati. Ariko urutoki ni rwo rwari rwiza cyane. Nubwo nyogokuru yari afite abuzukuru benshi, nari nzi mu ibanga ko ari ngewe mutoni we. Yantumiraga kenshi iwe. Kandi yamvunguriraga ku amabanga ye. Ariko hari ibanga rimwe atigeze ambwira: aho yataraga ibitoki.



Umunsi umwe nabonye igitebo kinini giteretse ku zuba mu gikari. Mubajije icyo aricyo, igisubizo cyonyine yampaye ni iki: "Ni igitebo cy'amayobera." Ku gitebo hari amashara menshi nyogokuru yahinduraga kenshi. Nagize amatsikondamubaza nti "Aya mashara ni ay'iki, nyogoku?" Igisubizo cyonyine nabonye ni iki: "Ni amasharay'amayobera."



Byari bishimishije kureba nyogokuru, ibitoki, amashara n'igitebo kinini. Ariko nyogokuru yaranyuhuraga ngo nge gufasha mama, "Nyogoku, mbabarira, undeke ndebe uko ubigenza..." Ambwira akomeje ati: "Ntugashire isoni wa mwana we, jya ukora ibyo bakubwiye." Nuko ngenda niruka.



Ngarutse, nasanze nyogokuru yicaye hanze ariko nta gitebo nta n'ibitoki. Ndamubaza nti: "Nyogoku, igitebo kiri he, ibitoki biri he, na..." Ariko igisubizo cyonyine nabonye ni, "Biri ahantu h'amayobera." Narumiwe!



Iminsi ibiri ishize, nyogokuru yantumye gushaka akabando ke mu cyumba cye. Nkimara gufungura umuryango, nakiriwe n'impumuro nziza cyane y'imineke. Muri icyo cyumba cye ni ho hari igitebo kinini cy'amayobera cya nyogokuru. Cyari gihishwe neza mu kiringiti gishaje. Naragitwikuruye impumuro nziza iransanganira.



Ijwi rya nyogokuru ryarankanze ubwo yampamagaraga, "Urakora iki? Gira vuba unzanire akabando." Narihuse nsohokana akabando ke. Arambaza ati: "Uri gusetswa n'iki? Ikibazo cyeye cyatumye menya ko ngisetswa no kuvumbura ububiko bwe bw'amayobera."



Bukeye bwaho, ubwo nyogokuru yari yagiye gusura mama, nirukankiye mu nzu ye kureba imineke na none. Hari igitoki gifite imineke ihiye cyane. Namanyuyeho umwe nwe uhisha mu ikanzu yange. Maze gutwikira neza igitebo nagiye inyuma y'inzu ndawurya vuba vuba. Wari umuneke uryoshye cyane ku buryo budasanze.



Bukeye bwaho, ubwo nyogokuru yari mu murima asoroma imboga, ninjiye mu cyumba ndarunguruka mbona imineke. Hafi yayose yari yahiye. Sinashoboraga kwihangana nuko mfata iseri ririho imineke ine. Ngenda nomboka ngana ku muryango, nuko numva nyogokuru akororera hanze. Nahise mpisha ya mineke mu ikanzu yange munyuraho.



Umunsi ukurikiyeho wari umunsi w'isoko. Nyogokuru yazindutse kare. Buri gihe yajyanaga imineke n'imyumbati ku isoko. Sinashishikajwe no kumusura uwo munsi. Ariko sinashoboraga kumara igihe kire kire ntagiyeyo.



Kuri uwo mugoroba mama, data na nyogokuru barampamagaye. Nari nzi impanvu. Iryo joro niyumvishije kontazongera kwiba ukundi, ari nyogokuru, ababyeyi bange, ndetse n'undi uwo ari we wese.

Imineke ya nyogokuru

Umwanditsi -- Ursula Nafula

Ubuhinduzi -- Patrick Munyurangabo

Icyitegererezo -- Catherine Groenewald

Ururimi -- Ikinyarwanda

Urwego -- Paragarafu ndende

© African Storybook Initiative 2014

Creative Commons: Attribution 4.0

Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0

Inkomoko www.africanstorybook.org

2023-08-28